

REPUBULIKA Y’U RWANDA



SERIVISI ZA MINISITIRI W’INTEBE

IJAMBO RYA NYAKUBAHWA MINISITIRI W’INTEBE

DR. EDOUARD NGIRENTE

**MU GUTANGIZA INAMA NYUNGURANABITEKEREZO YO KUNOZA
IMIKORERE N’IMIKORANIRE MU NZEGO Z’IBANZE**

Golden Tulip Hotel, ku wa 7 Mutarama, 2019

- **Ba Nyakubahwa ba Minisitiri,**
- **Ba Nyakubahwa ba Guverineri b'Intara,**
- **Bayobozi b'Inama Njyanama z'Uturere n'Umujiyi wa Kigali,**
- **Bayobozi b'Uturere,**
- **Bayobozi b'Ibigo bishamikiye kuri Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu,**
- **Bayobozi batandukanye bo mu nzego z'ibanze muri hano,**

1. Ndagira ngo nongere mbaramutse mbifurize n'umwaka mushya muhire wa 2019.

2. Nshimishijwe no kwifatanya namwe muri iyi nama nyunguranabitekerezo y'iminsi ibiri igamije kunoza imikorere n'imikoranire y'abagize inzego z'ibanze ndetse n'imikoranire hagati y'inzego z'ibanze n'izindi nzego z'ubuyobozi bw'igihugu.

3. Nk'uko Minisitiri amaze kubisobanura neza kandi mu buryo bunononsoye, intego nyamukuru y'iyi nama ni ugufata ingamba zituma inzego z'ibanze zirushaho kuzuza neza inshingano zazo mu rwego rwo gufasha iterambere ryihuse twiyemeje kugeraho mu gihugu cyacu.

4. Ndagira ngo nongere kubabwira ko muri gahunda yo kwegereza ubuyobozi abaturage, inzego z'ibanze ni ingenzi, kuko arizo Guverinoma y'u Rwanda yifashisha mu gushyira mu bikorwa gahunda zayo zitandukanye zo ku rwego rw'igihugu zigamije iterambere, no gufasha Abanyarwanda kurushaho kugira imibereho myiza.

5. Iyo inzego z'ibanze zujuje neza inshingano zazo kandi hakaba n'imikoranire myiza hagati yazo n'inzego zo mu butegezi bwite bwa Leta, abafatanyabikorwa batandukanye ndetse n'Abanyarwanda bose muri rusange, umusaruro mwiza uhita wigaragaza. Ariko kandi nkuko twese tubizi, iyo kandi izi nzego zikoze nabi nabwo ntibitinda kwigaragaza. Ibikorwa byakagombye gufasha Abanyarwanda kwihutisha iterambere ryabo biradindira bityo n'iterambere ryifuzwa ntirigerweho.

6. Muri iyi nama, ndifuza gusaba Abayobozi b'inzego zose duteraniye hano kwibanda kuri ibi bikurikira:

- a) Kugaragaza uko inzego z'ibanze zarushaho kugira uruhare mu ishyirwa mu bikorwa rya Gahunda y'Igihugu yo kwihutisha Iterambere 2017-2024, twatangaje mu gihe gishize, cyane cyane ko ubu turi mu ntangiriro z'umwaka wa kabiri tuyishyira mu bikorwa.
- b) icya kabiri ni ugushyiraho ingamba zo gufasha abagize Inama Njyanama na Komite Nyobozi kurushaho kunoza imikorere n'imikoranire yabo, cyane cyane hashyirwa imbere inyungu z'abaturage aho gushyira imbere inyungu z'abagize izi nzego nk'uko hari aho byagiye bigaragara, ariko hakaba ari hacye cyane.
- c) Hari ukunoza kandi, igenamigambi ry'ibikorwa by'inzego z'ibanze bigomba iteka gushingira ku mibare ifatika kandi itabeshya, ndetse n'amakuru bya nyabyo. Aha rero ndifuza kwibutsa ko ubu hashyizweho itegeko rihana abatanga imibare igaragaza ibikorwa itari yo, kuko bituma Igihugu gikora igenamigambi ridakemura ibibazo by'abaturage. Uyu muco mubi bamwe bita "gutekinika" ugomba gucika

burundu. Nkaba rero ngira ngo nongere nemeze ko Guverinoma y'u Rwanda itazigera yihanganira umuyobozi uwo ariwe wese uzatanga imibare y'ibikorwa itariyo. Ndasaba buri muyobozi wese uri hano ko mbere yo gutanga imibare yajya abanza akabitekerezaho, ndetse akagenzura ko imibare agiye gutanga isobanutse kandi ihuye n'ukuri kw'ibyakoze. Ndifuzza ko mu byo tuza kuganira uyu munsu aha twaza kuhatinda. Imibare itari yo yangiza igenamigambi ry'Igihugu. Ntidukwiye kuyemera na gato.

- d) Ikindi kigomba kwigwaho muri iyi nama, ni ugushyiraho ingamba zituma imihigo y'inzeho z'ibanze ishyirwa mu bikorwa neza kandi ku gihe.
- e) Ikindi ni ukwigira hamwe uko abaturage barushaho guhabwa serivisi nziza kandi n'igipimo cy'uko bishimira serivisi bahabwa kitarushaho kuzamuka. Intego twihaye ni uko mu 2024, umubare w'uko abaturage bishimira serivisi bahabwa uzaba ari 90% nibura, wavuye kuri 69.3% yo mu 2018 (2018 RGS).
- f) Hari kandi gusesengura uko serivisi zigenewe gufasha abaturage kwivana mu bukene no kugira ubuzima bwiza nka VUP, Girinka, ubwishingizi bwo kwivuza, zarushaho kubegerezwa no kuzihabwa neza.
- g) Aha ndagira ngo nibutse ko mu gushyira mu bikorwa gahunda za Leta tugomba gukomeza kwirinda iteka amanyanga ayo ariyo yose. Abenshi mubyitwaramo neza kandi ndabibashimira. Ndabasaba gukomereza aho kugira ngo dukomeze guteza imbere buri muturage wese w'Igihugu cyacu.

- h) Hari kandi gufata ingamba zikwiye kandi zihuse zo guhangana n'ikibazo cy'umubare w'abana bagita amashuri, bakavamo batayarangije, cyane cyane amashuri abanza, Ikibazo cy'abayobozi b'amashuri batayacunga neza, gutunganya neza imyigishirize itanga ubumenyi bunoze kandi bufasha abanyeshuri gutekereza neza no kwiteza imbere muri siyansi zose zinyuranye.
- i) Ikindi nk'uko Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu yabigarutseho, ni ukugaragaza uko inzego z'ibanze zarushaho gucunga neza umutungo rusange uri mu nshingano zazo, hibandwa ku kurwanya abawunyereza n'abawukoresha nabi.

● **Bayobozi mwese muteraniye hano,**

7. Iyi nama tuyitezeho ingamba zifatika zigamije kuzana impinduka nziza muri gahunda zitandukanye z'ibikorwa abaturage. By'umwihariko, iyi nama twifuza ko yaba urubuga rwo kunoza ibikorwa byo mu nzego zikurikira:

- a) Hari urwego rwo kurushaho kwita ku batishoboye uko bikwiye (Social protection), ndetse tukaba tugomba no gusuzumira hamwe uko gahunda y'ubudehe yarushaho kumvikana neza, abaturage bakumva neza ko ari gahunda yo gufasha abatishoboye kwivana mu bukene no kwigira.
- b) Tuzasume kandi neza muri iyi nama ibijyanye no gukumira no kurwanya ruswa mu gushyira abaturage mu byiciro by'ubudehe ndetse no gutandukanya abakene bafite imbaraga zo gukora n'abatishoboye bakeneye gufashwa, mu gihe cyo kubashyira mu byiciro.

- c) Hari kandi kwihutisha ikemurwa ry'ibibazo by'abaturage byagaragaye mu mikorere n'amicungire y'Umurenge Sacco ndetse bikaba byaragarutsweho mu Nama y'Igihugu y'Umushyikirano aho byasobanuwe ko bamwe mu bayobozi b'inzego bagiye bafata inguzanyo mu Murenge SACCO bakaba batarazishyuye kandi atari uko babuze ubushobozi.
- d) Hari ugukomeza kurwanya ruswa mu mitangire y'akazi, cyane cyane mu barimu n'abayobozi b'ibigo by'amashuri.
- e) Hari kandi gukora ibishoboka byose kugira ngo turusheho kuzamura ireme ry'uburezi mu byiciro byose, twibanda cyane cyane ku gusura ibigo by'amashuri no gukemura imbogamizi zibangamiye imyigire n'imyigishirize. Aha ndagira ngo nongere nibutse ko twasabye dukomeje ko abashinzwe uburezi mu murenge abo bita "sector education officers" bajya basura buri kigo cy'amashuri kiri mu Murenge wabo nibura rimwe mu kwezi kandi bagatanga raporo ikubiyemo ibo babonye ku buyobozi bw'Akarere n'ubwa Minisiteri ishinzwe uburezi. Ibi rero tukaba ari ibintu dukomeje gushyiramo imbaraga kandi twizeye ko inzego z'ibanze zizadufasha kubishyira mu bikorwa.

Nk'uko nigeze kubivuga ntabwo byumvikana ko umuyobozi ushinzwe amashuri mu Murenge ashobora kumara ukwezi atarazenguruka ibigo by'amashuri ayobora, akenshi biba ari n'umubare mutoya.

Aha rero nkaba ngira ngo nogere nibutse ko iyi iri intego ikomeye kandi igomba kugerwaho byanga bikunda. Abayobozi mwese muteraniye hano musanwe kuyishyira mu bikorwa no kuyikurikirana, kugira ngo uburezi bwacu burusheho gukomeza gutera imbere.

- j) Hari ugukomeza kwihutisha ishyirwa mu bikorwa ry'ingamba zigamije gukemura ibibazo by'imibereho myiza y'abaturage harimo cyane cyane: (1) Uburyo bwo gukemura burundu ikibazo cy'imirire mibi (malnutrition), ndetse no guhagarika ikibazo cyo kugwingira mu bana b'u Rwanda.
- k) Ikindi duteze kuri iyi nama, hari ikibazo cyo kongera isuku mu mavuriro n'ibitaro byose by'Uturere ndetse no gutunganya serivisi zihabwa abaza kubyivurizamo; ndetse no gukomeza gukemura utubazo dusigaye muri "mutuelle de sante", isuku nke mu ngo n'ahahurira abantu benshi, ndetse tukaba tugomba no gutanga ingamba ku kibazo cy'imiturire myiza mu turere tunyuranye.

• **Bayobozi mwese muteraniye hano,**

8. Ndabasaba guharanira kuba inyangamugayo, gutanga serivisi nziza, kutifashisha umwanya twahawe ngo tugere ku nyungu zacu, gushyira imbere ubumwe bw'Abanyarwanda, gukorera ku gihe, kujya no kugisha inama aho bikenewe, no gucunga neza umutungo wa Guverinoma n'uw'abaturage.
9. Ndagira ngo iri jambo ndihinire aha maze mpe umwanya abaza kutugezaho ibiganiro bitandukanye. Nongeye gushimira inzego zose zitandukanye ziteraniye hano, mbashimira akazi keza mukora, kandi mbabwira ko tubemereye ubufatanye buhoraho kandi busanzwe kugira ngo twese turusheho guteza imbere igihugu cyacu.

Murakoze cyane.